

0324.

K0141404

1

**Identification** : **RTL**M N°28 **Le 10/1/94 (3<sup>e</sup> partie)- (4<sup>e</sup> partie)**  
**Le 11/1/94 (1<sup>ère</sup> partie)**

**Duration** : **60 min.**

**Quality** : **Good**

**Transmission** : **RTL**M

**Name of transcriber** : **MUTETELI Pénine-Joie**

**Name of file** : **0324**

**Date of transcription** : **20/9/99**

**Dictaphone** : **ExpressWriter Model 2750-6SN516525**

## FACE A

**Orateur** : **BEMERIKI Valérie, journaliste de la RTL.** 0.1

... du Secrétaire général de l'Organisation de l'unité africaine et en présence du Premier ministre, a eu lieu le samedi 8 janvier 1994, une rencontre entre le Président de la République et une délégation du Front patriotique rwandais.

L'objet de la rencontre était l'exa... d'examiner les voies et moyens de poursuivre et de déterminer... et de terminer la mise en place des institutions de transition.

Les participants à la réunion ont fait le tour d'horizon sur les problèmes auxquels le pays fait face, et ont co... ont reconnu... et ont reconnu d'uri... l'urgence de mettre en place les institutions de transition. Ils ont réaffirmé leur engagement à respecter l'accord de... de paix d'Arusha, et à tout faire pour que celui-ci soit mis en pratique dans son intégralité.

Les participants se sont engagés à enrayer par tous les moyens possibles, les causes de l'insécurité qui règnent dans le pays et à oeuvrer au rétablissement de la paix et de la tranquillité des citoyens.

Ils ont souhaité que les contacts en vue de trouver la solution appropriée aux problèmes qui continuent d'entraver la mise en place complète des institutions de transition, soient accélérés et que de nouvelles consultations aient lieu le 9 janvier 1994 avec l'objectif d'aboutir à une décision finale en la matière.

Ils ont recommandé que le respect mutuel et le dialogue caractéri... caractérisent les rapports entre tous les acteurs de la vie politique, tout au long de la période de transition. 1.8

Le Président de la République et la délégation du FPR, ont exprimé leurs remerciements aux représentants du fou... du facilitateur, du Secrétaire général de l'Organisation des nations unies, du Secrétaire général de l'Organisation de l'unité africaine, pour la part active qu'ils continuent

de prendre, en vue de la mise en place de toutes les institutions de la transition.

Fait à Kigali, le 9 janvier 1994.

Ce communiqué de presse a été signé de la part de la Présidence de la République rwandaise, par monsieur Enock RUHIGIRA, directeur de Cabinet du Président de la République rwandaise, et de la (inaudible: deux voix simultanées)...

**Orateur : Non identifié.**

... bakurikira... 2.5

**Orateur : BEMERIKI Valérie, journaliste de la RTL.M.** 2.7

... patriotique. Voilà c'était le communiqué en langue ee... française.

... MDR muri "Préfegitura" y'Umujyi wa Kigali, aramenyesha abagize Secrétariat ya MDR muri Préfecture y'Umujyi wa Kigali, kimwe n'"Abaprésidents" ba MDR muri za Secteurs z'umujyi uko... z'umujyi, ko hari inama ibateganyirijwe kuwa mbere, ni ukuvuga uyu muni tariki ya cumi Mutarama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane isaa kumi n'imwe n'iminota icu... n'iminota cumi n'itanu, ku cyicaro cy'ishyaka. "Abaprésidents" ba JDR muri za Secteurs na bo basabwe kuzitabira iyo nama.

Bikorewe i Kigali, tariki ya cyenda Mutarama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane.

Iri tangazo rikaba ryashyizweho umukono na Bwana NKEZABERA Yohani Mariya Viyane, ee... Vice p... e... Vice-Président wa MDR muri Préfecture y'Umujyi wa Kigali.

... par... tariki ya cyenda Mutarama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane. Syndicat y'abashoferi batwara imodoka nini ari yo ACPLRWA, imwe mu zigize

CESTRAR, uyu munsu ni ukuvuga ko... uyu munsu bavuga ni ukuvuga ko ari e... ejo hashize, yakoze inama rusange idasanzwe muri Hoteli Kiyovu kuva saa tanu kugeza saa kumi. Iyo nama yari igamije kwiga imibereho ya Syndicat yabo. Bamaze kubona ko Comité yariho itakoze neza ikadindiza iryo Shyirahamwe, bitoreye Comité nshya kandi biyemeza kugandura imikorere y'iyi Syndicat, banayigenera umusanzu kuko byari bimaze umwaka bihagaze.

Abatorewe ubuyobozi bwa ACPLRWA ni aba bakurikira:

- Hari Bwana KANYAGUNGA Maritini, Président. Akazaba ku buryo... akazakora ku buryo buhoraho abihemberwa.
- Undi watowe ni Vice-Président wa mbere, ni Bwana RUSAKARA Berinarudo.
- Uwa kabiri ni Bwana NKUNDIYE Yohani Mariya Viyane.
- Naho Umunyamabanga ni Bwana BUTAMIRE Yohani.
- Umubitsi akaba Bwana SIBOMANA bita SHYAMBA.
- Hatowe kandi n'Abagenzuzi n'Abakonseye.

Comité nshya ya Syndicat y'abashoferi batwara imodoka nini, yahawe inshingano zo gukurikirana inyungu z'abayoboze no kugaruza umutungo wanyerejwe n'uwaheze hanze. Mu bibazo byihutirwa bigomba gukurikiranwa, hari ibyemezo byabi... byabifashe... byari e... hari ibyemezo byari byafashwe na Ministre ibishi... na Ministère ibishinzwe...shye cyane reka ngasubiremo mubyumve neza. Mu bibazo byihutirwa bigomba gukurikiranwa, hari ibyemezo byari byafashwe na Ministère ibishinzwe:

- Ku byerekeye ibyemezo by'abashoferi b'abanyamahanga.
- Ikibazo cyo guha akazi abashoferi b'Abanyarwanda mu masosiyete yemewe mu gihugu.
- Hari ikibazo cyo guhabwa kontaro y'akazi no kwinjizwa mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.
- Ikibazo cy'abagwa mu mahanga ntiba... ntibatabarwe uko bikwiye.
- Ikibazo cyo kuvuzwa.
- icy'umushahara n'amafaranga y'ingendo mu mahanga.
- Ikindi kibazo kibaremereye ni ukwamburwa n'abakore... n'abakoresha babo.

Ibyo byose Comité nshya ya ACPL Rwanda, igomba kwihutira kubishakira ibisubizo bihamye. Byago... bikorewe i Kigali, tariki ya cyenda Mutarama umwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane.

Umunyamabanga Mukuru wa CESTRAL ku busugire, Bwana RUKEBESHA Aloys.

Yee... irindi tangazo... amatangazo arahari ni menshi, ndagenda mbasomera make make tugafata akuka, reka nkurikizeho iri ngiri...

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTL.M.**

6.7

...o i Kigali, muri studios za Radiyo zanyu Radiyo RTL.M. Maze rero, hah! Kuri ya masaha abo bita ngo ni abapishi, abandi bakabita ababoyi, Abandi bakabita abakozi bo mu gikoni, abandi bakabita abakozi bo mu rugo, abandi bakabita nyine... bariya babyeyi bacu baba basigaye imuhira badutekeye, ababyeyi na bo basigaye imuhira hnii, bariya... abayaya na bo ubu ngubu bahindutse ababoyi, ubu ngubu nta... kubera iyi ntambara. Cyereka ahari abifite bakomeye bakize, nta wukigira ububoyi ngo agire n'umuyaya, ahubwo ugira umuyaya gusa agakora akazi ka boyi n'aka yaya. Waba ufite umuboyi akamenya ko rwose ari n'imirimo yo mu rugo, no gukubura, no kugira ngo uze gukoropa no kumesa byose. Umuboyi asigaye akora akazi ka babiri. Ni ko bimeze kubera amikoro yabaye make. N'iyi ntambara yatumye ababaye abagabo ba... bisubirira iwabo, ababaye abagabo baratashye. Abasigaye kuri iyi ntambara ya Kigali rero, cyane cyane i Kigali mu mujyi na bo bari... barabiyemeje bati "tuzagakora, tuzagakora twemere turebe uko ba Patrons na bo babona udufaranga tubone uko twarya tubone n'akambaro". Sinzi niba bagikorera amafaranga bazacyura iwabo ngo bazajyana amahumbi.

Kera umuntu yabaga umuboyi ku Mupatoro uyu n'uyu yamukorera nk'imyaka itatu akaba yabonye inkwano, cyangwa Patron we akishima ati "sha" ati "urakuze", ati "genda nguhe inkwano maze uzereke iwanyu ko waje kunkorerera".

Yaba ari umukobwa ubwo akabona ko abaye inkumi bati, "tuzagushyingira". Ugasanga umuboyi

wa naka arongoye umukobwa wo kwa naka, wakoraga kwa kana... kwa naka. None ubu ngubu ibintu byaraha... byarakomeye sinzi uko bijya bigenda, no gusubira muri Commune na byo ahah, ubu ni ukwiganya! Kwiganyiriza.(arakoroye)

I Kigali ho... nkunda kubibabwira, iyo amakuru atugezeho tuyabagezaho ako kanya. Hari abadutelefona, abaza kudasura, abatwandikira, ni... ahenshi twu... nko mu maradiyo hirya no hino, byose tugakora synthèse cyangwa tugakora développement, noneho tukanabibagezaho.

Hari umuntu umbwiye ati “Noheli” i... uti “umaze kuvuga ibyerekeye Commune yacu Kacyiru” ati “hano ni ho ntuye”, ati “ahubwo ikiba... ikibazo kiriyo ntabwo ari abantu bi... abagiye mu myigaragambyo cyangwa ngo baba barapfuye”, ati “nta bo” ati “nta bapfuye”. Ati “imyigaragambyo yo yarabaye twarayibonye, abashoboye bayigiyemo” ati “nta n’ishyaka na rimwe twabonye ri... riyiri inyuma”, ati “nta shyaka abantu barabeshyera amashyaka”. Ati “se izo Nterahamwe ziri hano ni Interahamwe zaba ziri hehe”? Ati “nta n’i... n’imyenda y’amashyaka twabo... nta n’ingofero nta n’iki, bagiye kubihimba ngo ni iby’Interahamwe bate”? Hum? Ati “oya rwose pa... ati “ahubwo” ati “reka nkubwire akandi kantu ahubwo kababaje, kababaje kandi ko kwihutira”. Ati “bariya bantu bo muri MINUAR, uretse Ababiligi (Belges) bazi igifaransa, bariya bo muri Bangladesh ni na ma... ni na bo benshi hariya iruhande rwa CND”, bati “ntabwo bazi kureba neza”. Ati ihihi... ati “amamodoka asigaye aza akajya hirya.aa... kuri clôtüre”, ati “hari n’abandi bazana amajerikani hnin, bakayanyuza kuri... muri clôtüre, none majerikani akagenda akajyamo imbere”, ati “hari uwavuze ngo “abaminuars” ejobundi sinzi ukuntu yakabutuye ijerikani imwe irimo imbunda démontés, ba... imbunda bashwanyuje uduce uduce uduce, bagaseseka mu ijerikani”. Ati “ahubwo ntibari bankeka naho ubundi imbunda zirasohoka” bati “imbunda zirasohoka rwose zirasohoka bimaze kumenyekana”. MINUAR rero nitareba neza, cyangwa nitwe... natwe nitutirebera neza, kuko MINUAR ntabwo yaje ku... ku... kujya mu mwanya wacu, nitutirebera neza vuba muzaba mubeshya ngo umuti wanyu wa... nk’uko bavuze ngo bafite ngo umuntu muri buri segururumu... muri buri Selile. 10.0

Ni byo koko, bo babyivugira ubwabo barabifite koko. Barabifite ba... bari kubaha n’ibikoresho, bari guha n’ibikoresho biturutse kuri CND, hnun, turabizi. icyo ngicyo ni inkuru ingezeho kandi

nanjye ndarebye nti aah, nti sinarirarana. Ndarirarana kubera iki se? Bajye kutumara ari bo bivugira bati “reka mbashyire tu, twaramwifatire”, hnun, ni ko imbunda bazibona rero. 10.3

Ncuti mwumva radiyo nya Radiyo RTLM, buri muni iyo ngize Imana mbona umushyitsi. Kare nari ndi kumwe na wa musore w’umucuranzi mwamwumvise, abumvise uriya mucuranzi, ee... NTAMPONGANOYUMWANZI, mwumvise aho agejeje

Ariko kandi noneho ndi kumwe n’umuntu wa politique, umuntu rwose ugenda areba umunota ku munota, umunsi ku muni, isaha ku isaha, uko iyi politique mu Rwanda igenda ikura. Uko igenda ikura, uko igenda bihinduka. Yabikurikiye kuva intabara yatangira, kuva Arusha yabaho, mbese kuva amashyaka ya... ya... yashingwa kuko na we ni Membre Fondateur y’ishyaka, PSD. Hum? Ya... akabikurikirana, hari ikihe kimubabaje? Hari ibyo abona a... yakwihanganira ariko hari ibintu byinshi bimubabaje.

Ndi kumwe na NYUNGURA Emile, NYUNGURA Emile ati rwe... ati “reka nkubwire” ati “muri iki gihe ibyo tugomba kwitondera”. Ni ibiki NYUNGURA Emile?

**Orateur : NYUNGURA Emile, membre fondateur du PSD.**

Yee... murakoze Bwana Noheli. Ee... Banyarwanda Banyarwandakazi namwe barwanashyaka b’ishyaka ryacu PSD, nk’uko Noheli amaze kubivuga koko hari ibintu biri kubabaza ishyaka ryacu ariko bibabaza n’Abanyarwanda.

Murabizi barwanashyaka, dushinga... dushinga ishyaka ryacu twavugaga ko “ari Ishyaka Rihanganira Demokarasi n’Imibereho myiza y’abaturage”. Biri mu kugaragara ko ishyaka ryacu ryagize uruhare rukomeye muri iriya mishyikirano y’Arusha, ndetse no kugerageza gushyira iriya mishyiki... iri... ariya masezerano mu bikorwa ishyaka ryacu ryagizemo uruhare.

Ariko muri iyi minsi cyane cyane mu mezi abiri, atatu ashize, biri mu kugaragara ko hari agatsiko i... k’abantu bamwe bayiri.. muri Comité directeur, basigaye bafata ibyemezo bavugira ishyaka

ariko rimwe na rimwe ibyo bitekerezo n'ibyemezo bafashe bidashyigikiwe na rubanda yibumbiye mu ishyaka ryacu kandi mu by'ukuri bagomba kuba ari twe bavugira. Ikibabaje rero ni icyo cya mbere.

Ikindi kibabaje cya kabiri ni uko ubutegetsu buri mu kugabanywa muri iki gihe, bamwe batekereza ko atari ubwa rubanda ahubwo ari ubwabo ku giti ..cyabwo. Dore nk'ejobundi, twagiye kumva twumva ko Ministre w'Intebe désigné, Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini, igihe yagombaga kurahira ki... hamwe na Parlement ndetse na Guverinoma ye ee... ishyaka ryacu ntabwo ryitabye mu nama yari iteganyijwe kugira ngo Abadepite bacu barahire. Impamvu kandi kugeza ubu ntabwo t... yari yafutuka neza, cyane cyane ko twebwe twumva ko usibye ko kari n'agasuzuguro ku Mukuru w'igihugu cyangwa se no kuri za institutions z'igihugu, twumva harimo n'ubuswa burenze akam... burenze kamere muri politique.

Nawe se abantu bavuga ko nta kibazo bafite, ndumva Ministre ee... TWAGIRAMUNGU, Ministre w'Intebe TWAGIRAMUNGU yarabyanditse ndetse na Président w'ishyaka ryacu, mu ibaruwa yari yandikiye Président wa Repubulika, bavuga bati "muri PSD nta kibazo dufite", ubwo nta kibazo bafite se kuki banze kujya mu kwitabira uriya muhango wo kurahira?

Bati "birihutirwa ko twashyiraho inzego z'ubutegetsu", bababwira bati "nimuze", abantu bakabura bakavuga bati "ubwo FPR itagiyeyo natwe ntutujyayo".

Banyarwanda Banyarwandakazi, cyane cyane barwanashyaka b'ishyaka ryacu, ntabwo ishyaka ryacu twarishinze... twarishyizeho kugira ngo rikorere mu kwaha kw'irindi shyaka, ryakwitwa FPR cyangwa ryitwa n'irindi. Ibyo byatumye ndetse rimwe na rimwe hari amashyaka tutavugaga rumwe cyangwa se twanakoranaga, ariko ku cyerekeye kuba mu kwaha k'undi ibyo abarwanashyaka bacu barabyamaganye. Ntabwo duhakana ko ibitekerezo byiza tugomba kubishyigikira, ariko imigambi nk'iyi irimo gukorwa muri iki gihe, abashinzwe kuyobora ishyaka bari mu gupangapanga gusa uko bazabona akazi n'amafaranga bamwe tuzi ukuntu bayibye, ndaza kubigarukaho, ibyo bintu turabona bidategurira Abanyarwanda n'abarwanashyaka bacu amahoro, ahubwo bishobora gutuma ibyo twitaga amasezerano y'amahoro nk'uko hari bamwe bigeze



kubivuga, byaba koko impapuro.

Bitangiye kandi kugaragara ko barwa... Banyarwandakazi namwe barwanashyaka bacu namwe Banyarwanda, biragaragara ko ikibazo gitangiye kuba ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi. Biragaragara, ubyirengagiza yaba adashaka kureba ukuri kandi ishyaka ryacu ryavuze ko rivugira ku mugaragaro.

Iyo urebye ukuntu ubutegetsi bugiye gusaranganywa, turasanga tutabyitondeye byaba bidasa n'ibyo twasezeranye Arusha muri... mu kwezi kwa octobre mirongo urwenda na kabiri. icyo gihe twavugaga ko ariya mashyaka MRND, MDR, PSD, PL na PDC agabanya iriya myanya muri Guverinoma no muri Parlement, nyamara umwaka umwe umaze gushira nyuma yayo masezerano tumaze kuyumvikanaho, bimaze kugaragara ko mu by'ukuri hamaze kuba blocs ebyiri:

- Imwe ivuga iti "nyewe mbogamiye ku byo FPR yaba yifuza.
- Indi ivuga iti "mbogamiye ku byo Abanyarwanda benshi baba bifuzaga.
- Emwe no muri FPR hashobora kuba yenda hari n'ababyifuza, ibyo Abanyarwanda bose bifuzaga.

Kubera icyo mpamvu rero, turasanga uko ubutegetsi buri mu gusaranganywa cyane cyane mu rwego rwa Guverinoma no muri Parlement, bidahuje n'amahame n'imigambi shingiro y'ishyaka ryacu. Uti kuki?

Muribuka ko mu... dushyiraho ririya shyamba, mu mahame twemera cyane cyane mu ntangiriro no mu nteruro y'i... y'amahame na statuts y'ishyamba ryacu, tuvugaga ko révolution yo muri mirongo itanu n'icyenda, nk'uko yakozwe rubanda nyamwinshi yari itari igishoboye kwihanganira akarengane gashingiye ku moko. None nyuma y'indi myaka irenga mirongo itatu tuzi ko tumaze gusinya amahoro, bamwe barimo kubwitwaza mu ishyamba bavugaga ngo "ntibajya muri Parlement igihe Bwana MUGENZI Yustini atashoboye... a... azanye Abadepite be, ngo cyane cyane ko ngo abenshi ari Abahutu", akavugaga ko... bakavugaga ko ndumva Maître NGANGO yarabisobanuye muri conférence de presse ngo amaze gukora, avugaga ko ngo "Abadepite ba... Ministre Lando", ni ko bivugirwa, ko "bakumirwa ngo kubera ko ari Abatutsi". Ibyo turumva bikojeje isoni binaduteye

ubwoba twebwe abarwanashyaka b'ishyaka PSD, kuko icyo cyemezo cyangwa se iyo mvugo ari yo twamaganye dushinga ishyaka.

Ntabwo dushaka ubutegetsi bushingiye ku bwoko, cyokora icyo .tushyigikiye ni uko Abanyarwanda bavugaga icyo babitekerezaho kandi Abanyarwanda bakumva ko bashobora kubana aho baba baturutse hose. Byaba rero bitangaje, bitangaje cyane, twumvise ko Abadepite bacu cyangwa se "Abaministres" ba PSD, batajya muri Guverinoma cyangwa mu Nteko Ishinga Amategeko ngo ni uko abantu b'ubwoko ubu n'ubu batagiyemo. Ibyo bintu bikwiye kwamaganwa, kuko ntaho bihuriye na démocratie. 17.8

Ikindi kiri mu kudutangaza ni uko abajya muri Guverinoma baturutse cyane cyane mu ishyaka PSD, dusanga mu by'ukuri ari bo bishyizeho. Nawe se Président w'ishyaka uramuzi, ni Ministre, ubwo kandi ari muri Comité directeur kandi Comité directeur bati ni yo ishyiraho "Abaministres", akayisinyira, akisinyira ko abaye Ministre. Secrétaire Exécutif w'ishyaka ni Ministre, ati ndasinyira kandi ishyaka muri Comité directeur. Uko kwite... gutera ukuyikiriza barwanashyaka, twabirwanyije igihe kirekire parti MRND. Bigera n'aho Président w'ishyaka MRND, uwari Président w'ishyaka MRND abireka kubera ko yumvaga koko gukomatanya iyo myanya byicira démocratie. None tube aba mbere twebwe mu ishyaka PSD dutatira.. icyo gihango twafashe twemera kujya mu mashyaka menshi? Byakongeraho rero ko urebye n'imirimo yabo "Baministres" cyane cyane abo muri PSD, ishyaka ubwaryo muri raporo ishyaka ryari ryasabye akanama kari kagiyeho kugira ngo gasuzume uko bacunze ibya rubanda muri iyi nzibacyuho, bakavuga bati " ni akumiro"!

Muribuka Maître NGANGO yagiye kuri Radiyo Rwanda, kubera ko abanyamakuru.. biri mu gihugu n'Abanyarwanda bari bamaze kwinubira imicungire yuko Ministère y'Imirimo ya Leta n'Ingufu icunzwe, iyoborwa na Ministre GATABAZI kandi akaba n'Umunyamabanga Mukuru w'ishyaka, bamaze kwijujuta abaturage, mwese murabizi ibinyamateka n'ubu biracyabyandika:

- Ari mu rwego rwo gutanga ibibanza baryamo ruswa.
- Ari mu gufata amafaranga y'imishinga baryamo ruswa z'Abazungu kuri contrats, hano naza

kubasomera ingero nyinshi kandi namwe mwese muzi.

Baravuga bati “ishyaka PSD muri Bureau Politique yaryo, ivuga ko kubera iyo mpamvu hakwiye kujyaho akanama ko gucunga neza no gusuzuma ni byo... niba ibyo Abanyarwanda bavuga bifite ishingiro, cyane cyane kuri uwo “Muministre” GATABAZI Felesiyani. Ibyo yakozwe... yakoze kuva kera byo bizwi n’amateka y’igihugu ariko birimo biratangaza Abanyarwanda niba iki gihugu kigomba gukomeza gutegekwa n’abo rubanda runengaho byinshi kandi rufitiye gihamya. Ubwo turaza kubigarukaho ariko nagira ngo ngire akandi kajambo mvuga ku byerekeye kugabana ubutegetsi muri iki gihe.

Birimo biragaragara ko Président HABYALIMANA yemera gusinya ariya masezerano y’Arusha na KANYARENGWE yari yemeje... na KANYARENGWE ahagarariye Inkotanyi, biyemeje ko tugira amahoro burundu intambara igacika muri iki gihugu ntizongere kugaruka kubera ko Abanyarwanda bemeye gusaranganya ubutegetsi.

None biri mu kugaragara ko mu by’ukuri impango barimo, cyane cyane abashyigikiye FPR, uyikoze itunganye ntabwo ubutegetsi bwaba busaranganyijwe mu Banyarwanda. Birumvikana ko FPR ibifitemo inyungu, kandi muri politique umuntu akorera inyungu ze ariko biratubabaje twewe abarwanashyaka ba PSD, ndetse Abakombozi banyumva bagomba kuba barabitangiye kubigaragaza. Kubona ik... ubutegetsi twavugaga ko dusaranganya ahubwo buri mu kugenda bwikubirwa agace kamwe ukongeraho abayobozi b’ishyaka PSD uko ari babiri cyangwa batatu, kugira ngo bigwizeho amafaranga menshi, navugaga nk’uyu Ministre GATABAZI n’abandi bazabafasha muri aya matora ari imbere. Noneho bakavuga bati “noneho muri Parlement, nimureke dushyiremo abantu tuzajya dukoresha badafite ububasha n’ubushobozi ee... ku buryo bazaba ibikoresho byacu, ariko dukomeze twirire ndetse amaherezo ibyo twitaga inzira ya démocratie bizarangire nyuma y’inzibacyuho n’ishyaka ribe ryahasenyukira.

Turashaka rero barwanashyaka ko ishyaka ryacu ibyo bintu riryamagana.. kandi mwaratangiye ahasigaye ubwo e... Bwana Noheli niba hari ikindi mwari mushaka kumbaza nabasubiza.

**- Hari akabazo mfite mu by’umaze kuvuga, nagukurikiye.ee... ndaceceka ndumva.a..., ari...**

**bariya ba GATABAZI cyangwa Ministre w'Ubuhinzi n'Ubworozi, hari abantu mubona mu ishyaka ryanyu bakibakurikiye, bakibari inyuma? Mbese buriya ba... GATABAZI akoresheje nka mitingi, hari Abakombozi yabona rwose ba... bakuzura stade nk'uko bigitangira byari bimeze?**

- Biragaragara Bwana Noheli ko ikibazo ubajije gifite ishingiro. Ejobundi muri congrès ya PSD byaragaragaye byarasandaye. Byabanje gutangira igihe GATABAZI ubwe ee... akoresha ubutiriganya n'amayeri, ibyo byanditswe mu Kinyamateka cyasohotse.. kandi Kinyamateka muzi ko ari ikinyamateka ee... cya Kiliziya Gatolika akenshi kitagira aho kibogamira, na yo ubwayo cyerekana ukuntu GATABAZI yakoresheje amayeri, usibye ko bavuze ngo... bamuhaye akabanga ntibavuga izina rye, ariko "abacongressistes" bese barabizi, baranabivuze no ku maradiyo. Byageze n'aho "abacongressistes" bagera kuri mirongo itanu na barindwi muri mirongo inani baturuka i Butare, batumiza inama y'ita... ikitaraganya muri Préfecture yacu, i Butare ni ho mvuka, kuko ishyaka ariho ryari rifite indiri yaryo.

Ku kibazo cyawe rero nta gushidikanya, ntabwo uwo mugabo, usibye amafaranga y'ibiro akoresha kandi tuzi aho ayavoma, ntabwo yabona abarwanashyaka nk'uko yababonaga.

Ikindi kimaze kugaragara ni uko Abakombozi ubu batakiri inyuma ye, ndetse n'abarwanashyaka batangiyeye kumwamagana kubera iterabwoba yabanje kubakoresha n'ukuntu yababeshye, ibyo yababeshye ni byinshi:

- Yababwiye ko azabaha akazi, ako yabahaye twarakabonye.
- Yababeshye ko akoresha démocratie, uko yayikoresheje twarabibonye i Butare ndetse no muri Bureau Politique, bigera n'aho ee... nko mu byerekeye kuvuga ngo arahagarika umurwanashyaka NYUNGURA Emile, kugeza igihe bica statuts z'ishyaka kandi dufite abanyamategeko babizobereyemo.

Ibyo rero bituma abarwashyaka bacu bavuga bati "icyo cyemezo bavuga ngo cyaba cyarafatiwe NYUNGURA kandi gikomoka kuri GATABAZI nko ku buryo yakoresheje kandi buzwi bw... bw'amayeri, n'ubutiriganya n'ubucabiranya, ko icyo cyemezo nta shingiro gifite, ari na cyo gituma

abarwanashyaka ba PSD abenshi n'abadac... n'abacecetse, icyo bita "la majorité silencieuse", bavuga bati "ubu noneho tugiye kuvuga akari... akaturi... akari... akari imurori.

Uwo mugabo imikorere ye twarayamaganye, babitangiye muri congrès bamwima amajwi, uzi ko nubwo yiyamamaje ari wenyine hari abantu barenga ijana na makumyabiri bifashe, kandi ubwo bifashe kubera ntinjiyemo u... ntinjiye ba bantu ijana na makumyabiri... ko gusa yenda kubera ko ntinjiyemo bankumiriye, iyo ninjira yenda no gutorwa ari na candidat unique, ntabwo kimwe cya kabiri cy'amajwi ntiyari kukibona. 24.9

Kugira ngo rero ndangirize kuri icyo... ngusubize kuri icyo kibazo, mfite agahinda. Kubona "umupoliticien" utagifite icyizere cy'ishyaka rye usibye muri Comité directeur, na we yishyizeho mu by'ukuri, unengwa gucunga rubanda nk'uko bigaragara mu mpapuro n'izo Banque Mondiale iherutse kwandika, ndetse na raporo y'i... ry'ishyaka ubwaryo ku micungire, umuntu bavuga bati "ntakwiye gukomeza kurya imitsi ya rubanda ku nzira ya démocratie. Uwo muntu ubu ngubu ari we uri ku isonga ngo mu byerekeye kugabana ubutegetsu.

- Yee... uravuze uti "uwo mugabo uri ku isonga kandi Banque Mondiale na yo imwamagana", hari abo twumvise bavuga ko... hari abo twumvise bavuga ko Banque Mondiale yaba isaba ubutegetsu kutukumya.. kumugirira icyizere, hari ngo n'abantu... liste irahari... liste irahari ha... bariyizi kandi nta cyabu... gukomeza kugundirandira.. mu buryo budashoboka.

Yee... NYUNGURA arimo arashaka amadosiye, nabona idosiye iri hafi kuko afite amadosiye menshi menshi, umuntu aba yabiteguye cyane kuva mbere. Ndetse ndagira ngo bajye baduha akazika gake, ayashake neza.

(Inaudible) mu... madosiye afite hano ngo arebe nk'amadosiye imwe, ebyiri cyangwa e... atatu yandebereho ati, nk'urugero rwo muri... rwa GATABAZI rwose, nta... GATABAZI niba yemeye uyu munsu ko Abahutu n'Abatutsi bariho ejo akabihakana, niba yemeye akirira ruswa ejobundi akavuga ati reka dukomeze turye, atubwire ukuntu we NYUNGURA Emili bakoranye ndetse abantu bemeza ko babaye n'incuti mbere batari

**bagera mu bihe, hnun, ngo “iyo aterewe hejuru buri muntu asama aye”, bataragera mu bihe GATABAZI agomba kwisamira aye” mu by’igihunga akabyihorera.**

- Yee, murakoze Bwana Noheli. Ee... Banyarwanda batumva... batwumva kuri iyi Radiyo RTLM, nagira ngo mbereke mu magambo make igituma Abanyarwanda batizeye uko buriya butegezi bushobora kujyaho, cyane cyane bw’uriya mugabo twavugaga Ministre GATABAZI.

Hashize iminsi mikeya ari hariya muri Hôtel Méridien muri conférence de presse yari yatanzwe na PSD, PL na MDR ee... MDR igice cya TWAGIRAMUNGU, PL igice cya Lando, na PSD ee... igice arimo. Arivugira ati “mu by’ukuri ee... Abahutu”, ee... ngiye kubivuga mu gifaransa ati “nta complexe twari dukwiye kugira”, ee... mbese asa n’uningura avuga ati “Abatutsi turabona bashaka kubarenganya muri ririya saranganywa ry’imyanya cyane cyane muri Parlement”, ati “ibyho bintu rero turabyamagana cyane”.

Ntaw... nta wabuza kwamagana ko abantu koko barengana, ariko ikiri mu kudutangaza ni uko mu gu... muri iryo huzagurika rye kuri buriya bibazo by’amoko, Ministre GATABAZI ubwe, icyo gihe yari atari yaba Ministre, amaze kuba Ministre yahinduye imvugo, ariko turibuka mu kwezi kwa Gashyantare muri mirongo urwenda na rimwe, ikiganiro yagiranye n’ikinyamateka Kinyamateka cya Kiliziya Gatulika, igihe bari bamubajije bati “ese utekereza iki ku mpaka ziriho ku byerekeye amashyaka yashingira ku turere cyangwa ku moko”? Uwo mugabo yarishubirije ubwe, kubera ko icyo gihe yumvaga ko amashyaka akwiye ndetse gushingira no ku moko no ku turere, aravuga ati “mu by’ukuri njyewe ndavuga ko abavuga ko nta shyamba rikwiye gushingira ku moko no ku turere, mbona birengagiza ibiriho ubu n’amateka y’igihugu cyacu”.

Yabisobanuye neza agira ati “twibuke uko byagenze mu mashyaka yaduka muri mirongo itanu n’icyenda”. Akavuga ati “ese icyo gihe icyo hajyaho itegeko ribuzwa amashyaka ashingiyeye ku moko aho amateka y’igihugu ...rizo cyacu ntaba yaranyuze mu zindi nzira”?

Koko ibyo ni byo, ibyo byariho koko i... ibyo a... iby' avuga ko byari bifite ishingiro se mu kwezi kwa kabiri, bigenze bite ko ubu ngubu ari mu kuvuga urundi rurimi? Aha ngaha ndashaka kuvuga kuri kiriya kibazo cya CDR. CDR ni ishyaka rivuga ko rirengera Abahutu. Niba rero iryo shyaka aribwiye ko rirengera Abahutu, ubu ngubu GATABAZI akaba avuga ati "iryo shyaka ntirikwiye kujya muri Parlement kugira ngo ribone Umudepite umwe, twibaza icyo mvugo aho... igituma ubu ngubu yarahinduye kandi mu kwezi kwa kabiri mirongo urwenda na rimwe yaravugaga ati "njyewe ahubwo nshyigikiye ndetse amashyaka yaba ashingiye ku moko no ku turere".

Agakomeza ati "mu by' ukuri ee... ibyerekeye uturere..., usomye witonze, usanga itangazo ry' ubutegetsu bw' ingabo z' igihugu igihe zemeje gukuraho ubutegetsu byaba ubw' iminsi mikuru y' akarere muri mirongo irindwi n' itatu, wasanga icyo cyemezo cyaratewe n' izihe mpamvu? Impamvu yacyo, cyatewe n' uturere.

Uwo mugabo rero u... uhuzagurika mu myaka ibiri ibyo yemeraga icyo gihe ubu ngubu akaba yabihinduye, turibaza icyizere Abanyarwanda bamugirira niba agiye muri ziriya nzibacyuho ndetse akagerekaho na ya ngeso yo... i... twavugaga mu kanya kandi twagira ngo tubagezeho icyo inzego mpuzamahanga zibivugaho, nka Banque Mondiale impapuro iherutse kumwandikira, mu gifaransa abatwumva yenda nabibasomera.

- Nta kibazo.

30.2

- Baramubwiye bati ii... "Nyakubahwa Bwana Ministre", baravuga ku byerekeye umushinga werekeye Projet Sectoriel de Transport, hari mu kwezi kwa cumi n' i... ejobundi le seize septembre quatre-vingt treize, niba bamwe babyibuka niba... icyo gihe hari intambara ikaze muri PSD barwanira imyanya, icyo gihe na Banque Mondiale yaramubwiye ..ati "rero Monsieur le Ministre" nk' uko... baravuga bati "nous accusons réception de la demande de réapprovisionnement d' un montant de 295.000 dollars, USA dollars, et nous désirons attirer votre bonne attention sur le paragraphe 23 de l' aide mémoire du 13 août 93 de monsieur Vincent, constatant qu' un montant de 17.000.000 de francs rwandais a été retiré du compte spécial pour régler les stages pour lesquels... pour le MINITRAPE, qui n' avaient pas été autorisés par l' association".

Prière de nous fournir les détails de ces dépenses, en indiquant les numéros de la demande par

K0141419

16

laquelle les dépenses ont été réclamées ainsi...

31.1

**Fin de la FACE A**



## FACE B

**Orateur : NYUNGURA Emile, membre fondateur du PSD. 0.6**

... il a de recevoir l'avis de crédit reflétant cette transaction, nous n'effectuerons aucun paiement au compte spécial.

Banyarwanda Banyarwandakazi namwe ba... barwanashyaka bacu, mu kinyarwanda uru rupapuro ni claire, ruravuga ruti "turasanga wowe Ministre GATABAZI hari stage woherajemo abadamu babahaga amadolari magana abiri ku muni, namwe mwumve ni ukuvuga hafi ibihumbi mirongo ine ku muni, bamwe b'abadylos" kubera ibisanira baba bafitanye n'abategesi bamwe bayoboraga Ministère kandi bakomoka muri PSD.

Banque Mondiale imaze kubibona, iterateranya amafaranga yose yakoreshejwe, yariwe ndetse, iravuga iti "aya mafaranga ni ay'igihugu ntabwo agoma.. kunyanyagizwa nk'uku nguku". Bati "nimuyishyure nutayishyura turaba duhagaritse ndetse kongera kubaha andi mafaranga kuri uwo mushinga".

Abanyarwanda rero ubu bagiye... imyifatire nk'iyi y'abo bategesi nitwe...m... ntiturese.. ko ikomeza, ubu kandi byakomeza nta cyabibuzwa kuko nta kitwereka ko bitakomeza. Ni ukuvuga ko amafaranga ya Banque Mondiale cyangwa n'izindi institutions azajya ahagarikwa kubera ko abantu nka GATABAZI cyangwa se n'abandi bakora nka we, hari nk'Umudirecteur" de Cabinet we na we ni bene wabo, kubera ko bifatiramo ayabo noneho bigatuma imishinga yacu icumbagira cyangwa ihagarara Abanyarwanda bakahazaharira.

Indi ngero nagira ngo mbahe yerekana ku mugaragaro kandi y... Abanyarwanda bamaze kubitahura barabyanditse, ni nk'amacontrats" asinywa. Nk'ubu mfite imbere yanjye "icontrat" yasinywe ... mu... d... mu kwezi kwa karindwi mirongo urwenda n'itatu, yerekeye gutanga amashanyirizi.. ahantu hitwa i Rurembo i Njomba muri Perefegitura ya Gisenyi n'i Nyamagana Gitisi muri Perefegitura ya Gitarama, bavuga bati "basinyana na... contrats na za entreprises, imwe

